COVID-19

Ohio Department of Health

INYANDIKO Y'AMAKURU YEREKEYE URUKINGO RWA COVID-19
ABAKWIYE GUKINGIRWA MBERE N'ITANGWA RY'URUKINGO

Leta ya Ohio yatangiye gutanga inkingo za COVID-19 zizewe muri leta yose ku bahisemo gukingirwa. Inzira yo gutegura urukingo rwa COVID-19 igizwe n'ibyiciro bimeze nk'ibyifashishijwe mu gutegura izakozwe mbere, nk'urw'Ibicurane cyangwa urw'iseru. Nk'uko inkingo za COVID-19 zikomeje gushaka uruhushya rwo kwmererwa guhita zikoreshwa ziruhawe n'Ikigo Gishinzwe Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Imiti (FDA), leta yatangiye gutanga inkingo mu buryo buteguye neza kandi bwatekerejweho ku batuye muri Ohio bafite ibyago byinshi byo kuzahara. Iri tangwa ry'inkingo ririmo kubahiriza inama zitangwa na Komite Ngishwanama y'Ikigo Gishinzwe Gukumira no Kurwanya Indwara (CDC) ku Bikorwa byo Kongerera Umubiri Ubushobozi (ACIP) n'Ihuriro ry'Ibigo by'Ubushakashatsi muri Siyansi, Ubwubatsi n'Ubuvuzi (NASEM).

Uburyo bw'Ibyiciro muri Ohio

Intego za Ohio zirumvikana: kurengera ubuzima no gusubira ku ishuri kw'abanyeshuri. Mu gihe inkingo zikiri nke, Ohio izakurikiza uburyo bwo kuzitanga mu byiciro. Mu cyiciro cya mbere cy'ikingira, hazaherwa ku bafite ibyago byinshi byo kuzahara, kimwe n'abakozi batanga serivisi z'ibanze n'abita ku barwayi ba COVID-19. Umuvuduko Ohio izagenderaho mu gutanga inkingo mu byiciro, uzaterwa ahanini n'umubare wa doze z'inkingo uzaboneka. Uko inkingo ZA covid-19 zizagenda zirushaho kuboneka, ni ko abatuye muri Ohio bose babyifuza bazakingirwa.

- **Icyiciro cya 1 (Inkingo nke)** – Inkingo ziza ari nke kandi zihabwe abaturage bihariye bafite ibyago byinshi byo kuzahara. Ohio izibanda ku gukingira abafite ibyago byinshi byo kuzahara, kimwe n'abakozi batanga serivisi z'ibanze n'**abita ku barwayi ba COVID-19.**
- **Icyiciro cya 2 (Inkingo ziyongera)** – Inkingo zizaba ziyongera kandi hashobora gukingirwa umubare munini w'abafite ibyago byo kuzahara bahisemo gukingirwa.
- **Icyiciro cya 3 n'icya 4 (Inkingo zihari ari nyinshi)** – Mu gihe inkingo zizaba ziboneka mu buryo bwagutse, Ohio izakomeza gukingira abatuye muri Ohio mu buryo buteguye neza mu gihe bahisemo.

Icyiciro cya 1A

Mu gihe hankingirwa abo mu cyiciro cya 1A, cyatangiye ku wa 14 Ukuboza 2020, haherewe ku bafite ibyago byinshi byo kuzahara babana n'abarwayi kimwe n'ababitaho:

- Abakozi batanga serivisi z'ubuzima n'abakozi bita ku barwayi ba COVID-19 mu buzima bwa buri munsi.
- Abaturage n'abakozi bo mu ngo zicumbikira abakuze.
- Abaturage n'abakozi bo nyubako zibamo abafite ubumuga cyangwa abasheshakanguhe.
- Abarwayi n'abakozi bo mu bitaro bya leta byita ku buzima bwo mu mutwe.
- Abafite ubumuga bwo mu mutwe bugenda bukura n'abasanzwe bafite ibizabo byerekeye ubuzima bwi mu mutwe, harimo n'ababaswe n'ibiyobyabwenge, bacumbikirwa mu macumbi cyangwa ibigo bihuriweho n'abakozi bakora bene aho hantu.
- Abaturage n'abakozi bo mu macumbi y'abavuye ku rugerero muri Ohio.
- Abatanga serivisi z'ubutabazi bwihutirwa.

Icyiciro cya 1B

Mu gihe cyo gukingira abo mu Cyiciro cya 1B, hazakomeza kwibandwa ku kurinda abafite ibyago byinshi byo kuzahara no gusubiza abanyeshuri bo mu masuri abanza n'ayisumbuye ku ishuri bitarenze tariki ya 1 Werurwe 1. Iki cyiciro kizaba gikubiyemo by'umwihariko:

- Abatuye muri Ohio bafite kuva ku myaka 65 y'ubukure.
- Abaturage ba Ohio bafite ubumuga bavukanye, bamugaye nyuma yo kuvuka cyangwa se bagize ubumuga bugenda bukura, n'abafite ubumuga bukomoka ku ruhererekane rw'imiryango burimo kugagara ingingo, sipina fida, indwara y'umutima ikomeye yasabye ko baba mu bitaro mu mwaka ushize; igisukari cyo mu bwoko bwa 1 gikabije cyasabye ko baba mu bitaro mu mwaka wshize, ubumuga bukomoka mu muryango burimo phenylketonuria; ubumuga bukomoka ku iyangiringa ry'imitsi yo mu bwonko nk'Igicuri, hydrocephaly, na microcephaly; ubumuga bukabije bushingiye ku turemangingomuzi harimo uburwayi buvukanwa bwitiriwe Down bufata ingirabuzimafatizo, Indwara ituma umuntu abura ubwenge ya fragile X syndrome, indwara yitiriwe Prader-Willi ituma umubiri udakomera, indwara y'ubugumba ku bagore ya Turner syndrome, n'uburwayi bunyunyusa imikaya (muscular dystrophy); Indwara y'ibihaha ikomeye, harimo asima yasabye baba mu bitaro mu mwaka ushize, n'indwara y'ubuhumekero ya cystic fibrosis; Indwara yo kubura amaraso (sickle cell anemia); na Tarasemiya (alpha and beta thalassemia); n'abarwayi bongerewe inkingo. Abumva ko bari muri iki cyiciro, bakwiye kwegera inama y'ubuyobozi bw'amatsinda yita ku bafite ubumuga y'aho batuye, bakazabafasha gukusanya inkingo.
- Abakuze/abakozi bo mashuri abanza n'ayisumbuye bifuza ko hakongera gukoreshwa uburyo bw'imbonankubone, abifuza uburyo bw'iyakure n'abifuza ko ubwo buryo bw'imyigire bwombi bwakomatanywa.

Gukingira abo mu Cyiciro cya 1B byatangiranye n'Icyumweru cyo ku wa 19 Mutarama. Guverineri DeWine yatangaje sisitemu ikubiyemo uburyo butandukanye bwo gutanga inkingo ku bantu bagera kuri miliyoni 2,2 bemerewe gukingirwa muri iki cyiciro, haherewe ku bafite imyaka kuva kuri 80. Mu gihe ikindi cyiciro cy'imyaka gitangiye gukingirwa, umubare w'inkingo zo mu cyiciro kikibanziriza ushobora kuba utuzuye. Bitewe n'umubare wa doze z'inkingo uhari, gutanga urukingo rwose bizatwara ibyumweru runaka.

- 19 Mutarama 2021 – Abaturage ba Ohio bafite kuva ku myaka 80 y'ubukure.
- 25 Mutarama 2021 – Abaturage bo muri Ohio bafite kuva ku myaka 75; abafite ubumuga bukura cyangwa bushingiye ku myitwarire **NA** bumwe mu burwayi bukurikira: ubumuga bukomoka ku ruhererekane rw'imiryango burimo kugagara ingingo, sipina fida, indwara y'umutima ikomeye yasabye ko baba mu bitaro mu mwaka ushize; igisukari cyo mu bwoko bwa 1 gikabije cyasabye ko baba mu bitaro mu mwaka wshize, ubumuga bukomoka mu muryango burimo phenylketonuria; ubumuga bukomoka ku iyangiringa ry'imitsi yo mu bwonko nk'Igicuri, hydrocephaly, na microcephaly; ubumuga bukabije bushingiye ku

turemangingomuzi harimo uburwayi buvukanwa bwitiriwe Down bufata ingirabuzimafatizo, Indwara ituma umuntu abura ubwenge ya fragile X syndrome, indwara yitiriwe Prader-Willi ituma umubiri udakomera, indwara y'ubugumba ku bagore ya Turner syndrome, n'uburwayi bunyunyusa imikaya (muscular dystrophy); Indwara y'ibihaha ikomeye, harimo asima yasabye baba mu bitaro mu mwaka ushize, n'indwara y'ubuhumekero ya cystic fibrosis; Indwara yo kubura amaraso (sickle cell anemia); na Tarasemiya (alpha and beta thalassemia); n'abarwayi bongerewe ingingo. Abumva ko bari muri iki cyiciro, bakwiye kwegera inama y'ubuyobozi bw'amatsinda yita ku bafite ubumuga y'aho batuye, bakazabafasha gukusanya inkingo.

- Ku wa 01 Gashyantare 2021 – Abaturage ba Ohio bafite kuva ku myaka 70 y'ubukure; Abakozi bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye bifuza ko hakongera gukoreshwa uburyo bw'imbonankubone cyangwa abifuza ko bwakomatanywa n'uburyo bw'imyigire bw'iyakure.
- Ku wa 08 Gashyantare 2021 – Abaturage ba Ohio bafite kuva ku myaka 65 y'ubukure.
- Ku wa 15 Gashyantare 2021 – Abaturage ba Ohio bafite ubumuga bavukanye, bamugaye nyuma yo kuvuja cyangwa se bagize ubumuga bugenda bukura, n'abafite ubumuga bukomoka ku ruhererekane rw'imiryango burimo kugagara ingingo, sipina fida, indwara y'umutima ikomeye yasabye ko baba mu bitaro mu mwaka ushize; igisukari cyo mu bwoko bwa 1 gikabije cyasabye ko baba mu bitaro mu mwaka wshize, ubumuga bukomoka mu muryango burimo phenylketonuria; ubumuga bukomoka ku iyangiringa ry'imitsi yo mu bwonko nk'Igicuri, hydrocephaly, na microcephaly; ubumuga bukabije bushingiye ku turemangingomuzi harimo uburwayi buvukanwa bwitiriwe Down bufata ingirabuzimafatizo, Indwara ituma umuntu abura ubwenge ya fragile X syndrome, indwara yitiriwe Prader-Willi ituma umubiri udakomera, indwara y'ubugumba ku bagore ya Turner syndrome, n'uburwayi bunyunyusa imikaya (muscular dystrophy); Indwara y'ibihaha ikomeye, harimo asima yasabye baba mu bitaro mu mwaka ushize, n'indwara y'ubuhumekero ya cystic fibrosis; Indwara yo kubura amaraso (sickle cell anemia); na Tarasemiya (alpha and beta thalassemia); n'abarwayi bongerewe ingingo. Abumva ko bari muri iki cyiciro, bakwiye kwegera inama y'ubuyobozi bw'amatsinda yita ku bafite ubumuga y'aho batuye, bakazabafasha gukusanya inkingo.

Urukingo rwa Pfizer ruhabwa gusa abafite kuva ku myaka 16 na ho urwa Moderna rugahabwa abafite kuva ku myaka 18 gusa. Inama z'ubuyobozi bw'amatsinda zita ku bafite ubumuga zivugana n'abujuje ibisabwa kugira hakusanywe inkingo. Izina nama z'ubuyobozi zizakora n'ibitaro by'abana na zimwe mu nzego zishinzwe ubuzima mu gushyiraho gahunda. Abo bantu bonyine bo mu baturage bakorana n'inama y'ubuyobozi yo ku rwego rw'ibanze ishinzwe kwita ku bafite ubumuga bwo mu mutwe bazemererwa guhabwa urukingo muri iki gihe.

Uburyo bwo Kubona Utanga Urukingo

Abaturage ba Ohio bakwiye kujya basura imbuga za murandasi z'inzego zishinzwe ubuzima n'Ibigo Bishinzwe Imicungire y'Ibiza (EMA) by'aho batuye kugira ngo bamenye byinshi byerekeye igikorwa cy'ikingira mu muryango mugari baherereyemo cyangwa kugira ngo biyandikishe ku mbuga za murandasi bajye babona amakuru agezweho atangwa n'urwego rushinzwe ubuzima aho batuye. Amatsinda ashingiye ku myaka y'ubukure azahabwa urukingo n'inzego z'ubuzima, ibitaro, ibigo by'ubuvuzi bibifitiye uburenganzira butangwa na leta, na farumasi zimwe na zimwe zicuruza imiti. Abazatanga inkingo ku bandi bantu bari hafi gutangazwa. Ishakiro ry'Ahantu Hatangirwa Inkingo muri leta yose warisanga ku rubuga rwavaccine.coronavirus.ohio.gov , rufasha abaturage ba Ohio gushakisha bashingiye ku karere batuyemo (county) na kode y'agace (ZIP code) kugira ngo babone utanga inkingo mu gace batuyemo kugira ngo bahabwe urukingo.

Ibyiciro Bizakurikiraho

Gahunda y'itangwa ry'inkingo ku bindi byiciro bizibandwaho iracyarimo gutegurwa kandi muzayimenyeshwa irangiye. Buri gihe uko habonetse amakuru yerekeye abashobora gukingirwa n'igihe bakingirirwa, tuzajya dutangaza aya makuru mu bitangazamakuru kandi tuyabasangize binyuze ku rubuga rwa coronavirus.ohio.gov/vaccine

Byagaragaye ko urukingo rufite ubushobozi bwo guhangana na COVID-19 no kugabanya ubukana bw'uburwayi ku bantu banduye koronavirusi. Gukingira umubare munini w'abaturage ba Ohio bizafasha mu kugabanya umubare w'indembe n'abahitanwa n'icyo cyorezo.

Kwifashisha ibikoresho byose bishoboka mu guhangana n'ikwirakwizwa rya koronavirusi biracyateye inkeke kugeza igihe umubare munini w'abaturage ba Ohio babashije gukingirwa. Gukomeza kwambara agapfukamunwa gafunga umunwa n'amazuru no gusiga intera hagati yawe n'abandi bikugabanyiriza ibyago byo kwandura cyangwa gukwirakwiza koronavirusi. Kubahiriza ingamba ziboneye zo kwirinda hamwe n'urukingo ni bwo buryo buruta ubundi bwo kwirinda COVID-19.

Yavuguruwe ku wa 20 Mutarama 2021.

Ukeneye andi makuru, wasura urubuga rwa coronavirus.ohio.gov.

Ukeneye ibisubizo by'ibibazo byawe byerekeye COVID-19, wahamagara 1-833-4-BAZA ISHAMI RISHINZWE UBUZIMA MURI OHIO (1-833-427-5634).

Ubuzima bwawe bwo mu mutwe bufite akamaro nk'ubundi buzima bwo ku mubiri. Niba wowe cyangwa umuvandimwe wawe muri kunyura mu bihe by'agahinda gakabije bitewe n'icyorezo cya Koronavirusi, ubufasha butangwa amasaha 24/24, iminsi irindwi. Hamagara umurongo wa telefone wagenewe ibibazo byerekeye COVID-19 ari wo 1-800-720-9616.

Ukeneye andi makuru, wasura urubuga rwa: coronavirus.ohio.gov